| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI Nº 004/2021 RYO KU WA 12/02/2021 RIGENGA IKORESHWA RY'IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA CYANGWA BISHOBORA GUTERA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE** | **MINISTERIAL ORDER Nº 004/2021 OF 12/02/2021GOVERNING THE USE OF SUBSTANCES THAT DEPLETE THE OZONE LAYER OR MAY CAUSE CLIMATE CHANGE** | **ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 004/2021 DU 12/02/2021 RÉGISSANT L'UTILISATION DES SUBSTANCES QUI APPAUVRISSENT LA COUCHE D'OZONE OU SUSCEPTIBLES DE CAUSER DES CHANGEMENTS CLIMATIQUES** |
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije** | **Article One: Purpose of this Order** | **Article premier: Objet du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka** | **Article 2: Scope of this Order** | **Article 2: Champ d'application du présent arrêté** |
| **Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo** | **Article 3: Definitions** | **Article 3: Définitions** |
| **Ingingo ya 4: Ibintu n'ibikoresho bibujijwe** | **Article 4: Prohibited substances and equipment** | **Article 4: Substances et équipements interdits** |
| **Ingingo ya 5: Ibintu byahagaritswe gukoreshwa** | **Article 5: Phased-out substances** | **Article 5: Substances éliminées** |
| **Ingingo ya 6: Kumena ibintu bigenzuwe mu bidukikije** | **Article 6: Discharge of controlled substances into the environment** | **Article 6: Déversement de substances contrôlées dans l'environnement** |
| **Ingingo ya 7: Ingamba z'iyubahirizwa** | **Article 7: Compliance measures** | **Article 7: Mesures de conformité** |
| **Ingingo ya 8: Ibisabwa mu gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana,** | **Article 8: Requirements to import, export, recover, maintain, repair, reclaim or to recycle controlled substances** | **Article 8: Conditions d'importer, d'exporter, de récupérer, d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des** |

| | | |
|---|---|---|
| **kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe** | | **substances contrôlées** |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gusaba uruhushya** | **<u>Article 9</u>: Application for authorisation** | **<u>Article 9</u>: Demande d'une autorisation** |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Kumenyeshwa icyemezo cyafashwe ku busabe** | **<u>Article 10</u>: Notification of a decision taken on the application** | **<u>Article 10</u>: Notification de la décision prise sur la demande** |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Igihe uruhushya rumara** | **<u>Article 11</u>: Validity of authorisation** | **<u>Article 11</u>: Validité de l'autorisation** |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano z'uwahawe uruhushya** | **<u>Article 12</u>: Obligations of a holder of an authorisation** | **<u>Article 12</u>: Obligations du titulaire d'une autorisation** |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Guhagarika by'agateganyo cyangwa kwamburwa uruhushya** | **<u>Article 13</u>: Temporary suspension or revocation of the authorisation** | **<u>Article 13</u>: Suspension temporaire ou révocation de l'autorisation** |
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Kugena igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga buri mwaka** | **<u>Article 14</u>: Fixing annual import quotas** | **<u>Article 14</u>: Fixation des quotas d'importation annuels** |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Gutangaza igipimo cy'ibintu bigenzuwe bitumizwa mu mahanga buri mwaka** | **<u>Article 15</u>: Communication of annual import quotas of controlled substance** | **<u>Article 15</u>: Communication des quotas d'importation annuels des substances contrôlées** |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Gusaba guhabwa igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga** | **<u>Article 16</u>: Application for import quota** | **<u>Article 16</u>: Demande de quota d'importation** |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Ishyirwaho ry'uturango** | **<u>Article 17</u>: Labelling** | **<u>Article 17</u>: Étiquetage** |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Imicungire y'ibintu bigenzuwe** | **<u>Article 18</u>: Management of controlled substances** | **<u>Article 18</u>: Gestion des substances contrôlées** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Gutanga raporo** | **<u>Article 19</u>: Reporting** | **<u>Article 19</u>: Rapport** |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Ibarura y'ibintu bigenzuwe** | **<u>Article 20</u>: Inventory of controlled substances** | **<u>Article 20</u>: Inventaire des substances contrôlées** |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 21</u>: Repealing provision** | **<u>Article 21</u>: Disposition abrogatoire** |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 22</u>: Commencement** | **<u>Article 22</u>: Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEKA RYA MINISITIRI Nº 004/2021 RYO KU WA 12/02/2021 RIGENGA IKORESHWA RY'IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA CYANGWA BISHOBORA GUTERA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE** | **MINISTERIAL ORDER Nº 004/2021 RYO KU WA 12/02/2021 GOVERNING THE USE OF SUBSTANCES THAT DEPLETE THE OZONE LAYER OR MAY CAUSE CLIMATE CHANGE** | **ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 004/2021 RYO KU WA 12/02/2021 RÉGISSANT L'UTILISATION DES SUBSTANCES QUI APPAUVRISSENT LA COUCHE D'OZONE OU SUSCEPTIBLES DE CAUSER DES CHANGEMENTS CLIMATIQUES** |
| **Minisitiri w'Ibidukikije;** | **The Minister of Environment;** | **Le Ministre de l'Environnement;** |
| Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176; | Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176; |
| Ashingiye ku Itegeko n°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 16; | Pursuant to Law n° 48/2018 of 13/08/2018 on environment, especially in Article 16; | Vu la Loi n° 48/2018 du 13/08/2018 sur l'environnement, spécialement en son article 16; |
| Asubiye ku Iteka rya Minisitiri nº 006/2008 ryo ku wa 15/08/2008 rigena uburyo bwo gutumiza no kohereza mu mahanga ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba, ibicuruzwa ndetse n'ibiko resho birimo ibyo bintu; | Having reviewed Ministerial Order nº 006/2008 of 15/08/2008 regulating the importation and exportation of ozone layer depleting substances products and equipment containing such substances; | Revu l'Arrêté Ministériel n° 006/2008 du 15/08/2008 réglementant les importations et exportations des substances appauvrissant la couche d'ozone et des produits et équipements contenant de telles substances; |
| Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/12/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza; | After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/12/2020; | Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/12/2020; |
| **ATEGETSE:** | **ORDERS:** | **ARRÊTE:** |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije** | **<u>Article One</u>: Purpose of this Order** | **<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté** |
| Iri teka rigenga ikoreshwa ry'ibintu bihungabanya akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa bishobora gutera imihindagukire y'ibihe. | This Order governs the use of substances that deplete the ozone layer or which are likely to cause climate change. | Le présent arrêté régit l'utilisation des substances qui appauvrissent la couche d'ozone ou qui sont susceptibles de causer des changements climatiques. |
| **<u>Ingingo ya 2</u>: Ibirebwa n'iri teka** | **<u>Article 2</u>: Scope of this Order** | **<u>Article 2</u>: Champ d'application du présent arrêté** |
| Iri teka rireba ibintu bigenzuwe byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa bishobobora gutera imihindagurikire y'ibihe, ibyakozwe n'ibikoresho birimo cyangwa byifashisha ibintu bigenzuwe biri ku mugereka w'iri teka. | This Order applies to controlled substances that deplete ozone layer or may cause climate change, products and equipment that contain or rely on controlled substances that are listed in Annex to this Order. | Le présent arrêté s'applique aux substances contrôlées qui appauvrissent la couche d'ozone ou peuvent causer les changements climatiques, aux produits et aux équipements qui contiennent ou qui dépendent des substances contrôlées énumérées en annexe du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo** | **<u>Article 3</u>: Definitions** | **<u>Article 3</u>: Définitions** |
| Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: | In this Order, the following terms have the following meanings: | Dans le présent arrêté, les termes repris ci-après ont les significations suivantes: |
| 1 º **Ikigo:** Ikigo gifite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zacyo; | 1 º **Authority:** the authority in charge of conservation of environment; | 1 º **Office:** l'office ayant la conservation de l'environnement dans ses attributions; |
| 2 º **ibintu bigenzuwe:** ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba biri ku mugereka w'iri teka, mu gace ka A, aka B, aka C n'aka E ndetse n'imyuka ihumanya ikirere yo mu bwoko bwa | 2 º **controlled substances**: ozone depleting substances listed in Annex to this Order, in items A, B, C and E and hydrofluorocarbons (HFCs) substances listed in Annex to this Order, in item F, including their | 2 º **substances contrôlées:** les substances appauvrissant la couche d'ozone énumérées en annexe du présent arrêté, aux points A, B, C et E ainsi que les substances hydrofluorocarbures (HFCs), énumérées en annexe du |

| | | |
|---|---|---|
| *hydrofluorocarbons/hydrofluorocarbures* (HFCs) iri ku mugereka w'iri teka, mu gace ka F harimo n'imyuka bifitanye isano, byaba biri byonyine cyangwa bivanze, byaba ari umwimerere, byaragaruwe, byaranaguwe cyangwa byaravuguruwe; | isomers, whether alone or in a mixture, and whether they are virgin, recovered, recycled or reclaimed; | présent arrêté, au point F, y compris leurs isomères, seules ou en mélange, qu'elles soient vierges, récupérées, recyclées ou valorisées; |
| 3 º **ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba:** ikintu kigabanya ingano y'umwuka karemano ugize akayunguruzo k'imirasire y'izuba; | 3 º **ozone depleting substances**: a substance that brings about a reduction in the ozone layer gas in atmosphere; | 3 º **substances appauvrissant la couche d'ozone:** une substance qui entraîne une réduction des gaz de la couche d'ozone dans l'atmosphère; |
| 4 º **kuvugurura:** gusubiranya ikintu kigenzuwe cyagaruwe mu rwego rwo gutuma cyongera gukora nk'igishya, hitawe ku cyo kigenewe gukoreshwa; | 4 º **reclamation:** the reprocessing of a recovered controlled substance in order to meet the equivalent performance of a virgin substance, taking into account its intended use; | 4 º **valoriser:** traiter de nouveau une substance contrôlée récupérée, afin d'atteindre les performances équivalentes d'une substance vierge, compte tenu de l'usage auquel elle est destinée; |
| 5 º **kugarura:** gukusanya no kubika ibintu bigenzuwe byakuwe mu bikoresho bibikoresha cyangwa bibibika, mu gihe cyo kubisimbuza mbere y'uko bikurwaho mu buryo bwabugenewe; | 5 º **recovery:** the collection and the storage of controlled substances from products or equipment or containers during maintenance or servicing or before disposal; | 5 º **récupérer:** collecter et stocker des substances contrôlées provenant des produits et des équipements ou des conteneurs au cours de l'entretien ou de la maintenance ou avant leur élimination; |
| 6 º **kunagura:** gusukura ikintu kigenzuwe cyagaruwe kugira ngo cyongere gukoreshwa. | 6 º **recycling:** a cleaning process of a recovered controlled substance in order to be re-used. | 6 º **recycler:** nettoyer une substance contrôlée récupérée pour être réutilisée. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Ibintu n'ibikoresho bibujijwe** | **<u>Article 4</u>: Prohibited substances and equipment** | **<u>Article 4</u>: Substances et équipements interdits** |
| Uretse igihe Ikigo kibitangiye uruhushya, birabujijwe gukora, gutumiza, kohereza mu mahanga, gukoresha cyangwa gucuruza ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bishingiye imikorere yabyo ku bintu bigenzuwe biri ku mugereka w'iri teka. | Except when authorised by the Authority, it is prohibited to produce, import, export, use or sell controlled substances, and equipment or products that contain or rely on controlled substances listed in Annex to this Order. | Sauf autorisation de l'Office, il est interdit de produire, d'importer, d'exporter, d'utiliser ou de vendre les substances contrôlées ainsi que les équipements ou produits contenant ou dépendant des substances contrôléesénumérées en annexe du présent arrêté. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Ibintu byahagaritswe gukoreshwa** | **<u>Article 5</u>: Phased-out substances** | **<u>Article 5</u>: Substances éliminées** |
| Birabujijwe gukora, gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, gukoresha cyangwa gucuruza ibintu byahagaritswe gukoreshwa byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa bishobora gutera imihindagurikire y'ibihe, hakubiyemo ibikoresho cyangwa ibyakozwe birimo cyangwa bikoresha ibintu bigenzuwe nk'uko biteganywa n'Amasezerano ya Montréal yerekeye ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, yemejwe burundu n'Iteka rya Perezida nº 143/01 ryo ku wa 03/04/2017. | It is prohibited to produce, import, export, use or sell phased-out substances that deplete the ozone layer or that may cause climate change, including equipment or products that contain or depend on controlled substances as provided for by Montréal Protocol on substances that deplete the ozone layer as amended to date, ratified by Presidential Order nº 143/01 of 03/04/2017. | Il est interdit de produire, d'importer, d'exporter, d'utiliser ou de vendre les substances éliminées qui appauvrissent la couche d'ozone ou qui sont susceptibles de causer des changements climatiques, y compris des équipements ou des produits contenant ou dépendant des substances contrôlées telles que prévues par le Protocole de Montréal relatif à des substances qui appauvrissent la couche d'ozone, tel que modifié à ce jour, ratifié par l'Arrêté Présidentiel nº 143/01 du 03/04/2017. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Kumena ibintu bigenzuwe mu bidukikije** | **<u>Article 6</u>: Discharge of controlled substances into the environment** | **<u>Article 6</u>: Déversement de substances contrôlées dans l'environnement** |
| Birabujijwe kumena ibintu bigenzuwe mu bidukikije. | It is prohibited to discharge controlled substances into the environment. | Il est interdit de déverser des substances contrôlées dans l'environnement. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ingamba z'iyubahirizwa** | **<u>Article 7</u>: Compliance measures** | **<u>Article 7</u>: Mesures de conformité** |
| Bitabangamiye ibihano biteganywa n'amategeko abigenga, umuntu utubahirije ibivugwa mu ngingo ya 4, iya 5 n'iya 6 z'iri teka agomba: | Without prejudice to penalties provided in accordance with relevant laws, a person who contravenes provisions of Articles 4, 5 and 6 of this Order is required to: | Sans préjudice des sanctions prévues conformément à la législation en la matière, une personne qui contrevient aux dispositions des articles 4, 5 et 6 du présent arrêté est tenue de: |
| 1° gusenya ibintu bigenzuwe cyangwa byahagaritswe n'ibikoresho kandi akiyishyurira ikiguzi cyabyo; cyangwa | 1° destroy controlled or phased-out substances and equipment at his or her own costs; or | 1° détruire des substances contrôlées ou éliminées et équipements à ses propres frais; ou |
| 2° kubisubiza mu mahanga aho bishoboka kandi akiyishyurira ikiguzi cyabyo. | 2° re-export them where applicable, at his or her own costs. | 2° les réexporter le cas échéant, à ses propres frais. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Ibisabwa mu gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe** | **<u>Article 8</u>: Requirements to import, export, recover, maintain, repair, reclaim or to recycle controlled substances** | **<u>Article 8</u>: Conditions d'importer, d'exporter, de récupérer, d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des substances contrôlées** |
| Umuntu ushaka gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo agomba kubisabira uruhushya mu Kigo. | A person who intends to import, export, recover, maintain, repair, reclaim or recycle the controlled substances and related equipment must seek authorisation from the Authority. | Une personne qui désire importer, exporter, récupérer, entretenir, réparer, valoriser ou recycler des substances contrôlées et des équipements connexes doit demander l'autorisation de l'Office. |
| **<u>Ingingo ya 9</u>: Gusaba uruhushya** | **<u>Article 9</u>: Application for authorisation** | **<u>Article 9</u>: Demande d'une autorisation** |
| Umuntu usaba uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, | A person who applies for an authorisation to import or export, recover, maintain, repair, | Une personne qui demande une autorisation d'importer ou d'exporter, de récupérer, |

| | | |
|---|---|---|
| gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo ashyikiriza Ikigo ubusabe bwe mu nyandiko. | reclaim or of recycling controlled substances and related equipment submits his or her application in writing to the Authority. | d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des substances contrôlées et des équipements connexes adresse sa demande écrite à l'Office. |
| Ubusabe buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bukorwa hifashishijwe ikoranabuhanga rya interineti. | The application referred to under Paragraph One of this Article is done via internet. | La demande mentionnée à l'alinéa premier du présent article est faite via internet. |
| Dosiye isaba uruhushya iba ikubiyemo: | The application file for an authorisation includes: | Le dossier de la demande de l'autorisation comprend: |
| 1 º ifishi isaba yujujwe neza itangwa n'Ikigo, ikubiyemo umwirondoro w'usaba, inkomoko y'ibintu bigenzuwe n'iy'ibikoresho birimo ibyo bintu; | 1 º a filled application form provided by the Authority, containing identification of the applicant, the origin of controlled substances and equipment that contain those substances; | 1 º un formulaire de demande fourni par l'Office dûment rempli, contenant l'identification du demandeur, l'origine des substances contrôlées et des équipements contenant ces substances; |
| 2 º ibinyabutabire biranga ibintu bigenzuwe; | 2 º chemical parameters of the controlled substances; | 2 º les paramètres chimiques des substances contrôlées; |
| 3 º icyemezo cy'iyandikisha ry'isosiyete y'ubucuruzi; | 3 º a company registration certificate; | 3 º un certificat d'enregistrement d'une société commerciale; |
| 4 º icyemezo cy'ubucuruzi. | 4 º a trade licence certificate. | 4 º un certificat de licence de commerce. |
| **<u>Ingingo ya 10</u>: Kumenyeshwa icyemezo cyafashwe ku busabe** | **<u>Article 10</u>: Notification of a decision taken on the application** | **<u>Article 10</u>: Notification de la décision prise sur la demande** |
| Ikigo kimenyesha uwasabye icyemezo cyafashwe ku busabe bw'uruhushya rwo | The Authority notifies the applicant of a decision taken on the application for an | L'Office notifie le demandeur de la décision sur la demande d'autorisation d'importer, |

| | | |
|---|---|---|
| gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi dosiye y'ubusabe yuzuye yakiriweho. | authorisation of importation, exportation, recovery, maintenance, repair, reclamation or recycling of controlled substances and related equipment within thirty (30) days from the date a complete application file was received. | d'exporter, de récupérer, d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des substances contrôlées et des équipements connexes endéans trente (30) jours à compter de la date de réception du dossier complet de la demande. |
| Ikigo kimenyesha uwasabye icyemezo cyafashwe hifashishijwe ikoranabuhanga rya interineti. | The Authority notifies the applicant of a decision taken via internet. | L'Office notifie en ligne le demandeur de la décision prise. |
| **<u>Ingingo ya 11</u>: Igihe uruhushya rumara** | **<u>Article 11</u>: Validity of authorisation** | **<u>Article 11</u>: Validité de l'autorisation** |
| Uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo rugira agaciro k'igihe kitarenze imyaka itatu (3), uhereye igihe rwatangiwe. | The authorisation of importation, exportation, recovery, maintenance, repair, reclamation or recycling of controlled substances and related equipment is valid for a period not exceeding three (3) years, from the date of issuance. | L'autorisation d'importer, d'exporter, de récupérer, d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des substances contrôlées et des équipements connexes est valable pour une période n'excédant pas trois (3) ans, à partir de la date de délivrance. |
| **<u>Ingingo ya 12</u>: Inshingano z'uwahawe uruhushya** | **<u>Article 12</u>: Obligations of a holder of an authorisation** | **<u>Article 12</u>: Obligations du titulaire d'une autorisation** |
| Uwahawe uruhushya afite inshingano zikurikira: | The authorisation holder has the following obligations: | Le titulaire de l'autorisation a les obligations suivantes: |
| 1° kubahiriza igipimo cy'umwaka cy'ibitumizwa mu mahanga yahawe; | 1° to comply with the annual import quotas allocation; | 1° se conformer à l'obligation des quotas d'importation annuels; |

| | | |
|---|---|---|
| 2° gushyikiriza Ikigo raporo ngarukamwaka igaragaza ingano y'ibyo yinjije mu Gihugu cyangwa y'ibyo yohereje mu mahanga umwaka ubanza. | 2° to submit to the Authority an annual report of the total quantities imported or exported for the previous year. | 2° transmettre à l'Autorité un rapport annuel des quantités totales importées ou exportées pour l'année précédente. |
| **<u>Ingingo ya 13</u>: Guhagarika by'agateganyo cyangwa kwamburwa uruhushya** | **<u>Article 13</u>: Temporary suspension or revocation of the authorisation** | **<u>Article 13</u>: Suspension temporaire ou révocation de l'autorisation** |
| Mu gihe habayeho kutubahiriza ibiteganywa muri iri teka, Ikigo gishobora guhagarika by'agateganyo uruhushya rwo gutumiza cyangwa kohereza mu mahanga, kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo. | In case of violation of provisions of this Order, the Authority may suspend the authorisation of importation, exportation, recovery, maintenance, repair, reclamation or recycling of controlled substances and related equipment. | En cas de violation des dispositions du présent arrêté, l'Office peut suspendre l'autorisation d'importer, d'exporter, de récupérer, d'entretenir, de réparer, de valoriser ou de recycler des substances contrôlées et des équipements connexes. |
| Uwahawe uruhushya arwamburwa kubera impamvu zikurikira: | The authorisation is revoked from the holder due to the following reasons: | L'autorisation est révoquée du titulaire pour des raisons suivantes: |
| 1 º kutubahiriza ibisabwa mu ruhushya yahawe; | 1 º failure to comply with the terms and conditions of the authorisation; | 1 º le défaut de se conformer aux termes et conditions de l'autorisation; |
| 2 º kwinjiza mu Gihugu ibintu bigenzuwe cyangwa ibikoresho birimo ibyo bintu mu buryo bunyuranyije n'amategeko; | 2 º illegal importation of controlled substances or equipment containing those substances; | 2 º l'importation illégale des substances contrôlées ou des équipements qui contiennent ces substances; |
| 3 º iyo uruhushya rwatanzwe hashingiwe ku mpapuro mpimbano cyangwa ku buriganya. | 3 º when an authorisation was issued based on false documents or fraud. | 3 º lorsqu'une autorisation a été délivrée sur base de faux documents ou de fraude. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 14</u>: Kugena igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga buri mwaka** | **<u>Article 14</u>: Fixing annual import quotas** | **<u>Article 14</u>: Fixation des quotas d'importation annuels** |
| Ikigo kigena, buri mwaka, igipimo cy'ibintu bigenzuwe bitumizwa mu mahanga ku rwego rw'Igihugu, gishingiye ku ngano y'ibyatumijwe cyangwa ibyoherejwe mu mahanga mu mwaka ubanza. | The Authority fixes, every year, the national import quotas of controlled substances based on the quantity imported or exported during the previous year. | L'Office fixe, chaque année, les quotas d'importation nationaux des substances contrôlées sur base de la quantité importée ou exportée l'année précédente. |
| Igipimo cy'ibintu bigenzuwe bitumizwa cyangwa ibyoherezwa mu mahanga bishyirwaho ku buryo bigenda bigabanuka uko imyaka ihita. | The quotas of imported or exported controlled substances are fixed on decreasing scale across years. | Les quotas des substances contrôlées importées ou exportées sont fixés selon une échelle décroissante d'une année à l'autre. |
| **<u>Ingingo ya 15</u>: Gutangaza igipimo cy'ibintu bigenzuwe bitumizwa mu mahanga buri mwaka** | **<u>Article 15</u>: Communication of annual import quotas of controlled substance** | **<u>Article 15</u>: Communication des quotas d'importation annuels des substances contrôlées** |
| Igipimo ku rwego rw'Igihugu cy'ibintu bigenzuwe bigomba gutumizwa mu mahanga mu mwaka ukurikira gitangazwa bitarenze Ukwakira kwa buri mwaka. | The national import quota of controlled substances for the following year is communicated not later than October of each year. | Le quota national d'importation des substances contrôlées pour l'année suivante est communiqué au plus tard en octobre de chaque année. |
| **<u>Ingingo ya 16</u>: Gusaba guhabwa igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga** | **<u>Article 16</u>: Application for import quota** | **<u>Article 16</u>: Demande de quota d'importation** |
| Ubusabe bwo guhabwa igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga bigenzuwe mu mwaka ukurikira butangwa bitarenze tariki ya 30 Ugushyingo kwa buri mwaka. | The application for annual import quota of controlled substances for the following year is submitted not later than 30th November of each year. | Le demande de quota d'importation annuel des substances contrôlées pour l'année suivante est déposée au plus tard le 30 novembre de chaque année. |
| Dosiye y'utumiza ibintu mu mahanga | Application file of an authorised importer for | Le dossier d'un importateur autorisé de |

| | | |
|---|---|---|
| wemewe isaba igipimo cy'ibitumizwa mu mahanga mu mwaka igomba kugaragaza imicungire y'ibintu bigenzuwe byatumijwe mu mahanga umwaka ubanza. | annual import quota must show the management of controlled substances imported during the previous year. | demande de quota d'importation annuel, doit indiquer la gestion des substances contrôlées importées au cours de l'année précédente. |
| **<u>Ingingo ya 17</u>: Ishyirwaho ry'uturango** | **<u>Article 17</u>: Labelling** | **<u>Article 17</u>: Étiquetage** |
| Ibintu bigenzuwe bitumijwe cyangwa byoherejwe mu mahanga n'ibikoresho birimo ibyo bintu bigomba kuba biriho akarango cyangwa ikindi kintu kigaragaza ubwoko bw'ibintu birimo, igipimo cyabyo ku ijana n'itangazo ryerekana ingaruka z'imikoreshereze y'ibyo bintu. Bigomba kandi kuba biri kumwe n'icyemezo kigaragaza aho bikomoka n'urupapuro rugaragaza uko bikoreshwa n'uko bibikwa. | Imported or exported controlled substances and equipment containing those substances must bear a label or any other indication showing their nature, percentage and a caution indicating consequences of using those substances. They must also be with a certificate indicating their origin material and safety data sheet. | Les substances contrôlées importées ou exportées et les équipements contenant ces substances doivent porter une étiquette ou une autre indication montrant la nature, le pourcentage et une mise en garde indiquant les conséquences de l'utilisation de ces substances. Elles doivent également être accompagnées d'un certificat d'origine et d'une fiche signalétique de sécurité. |
| **<u>Ingingo ya 18</u>: Imicungire y'ibintu bigenzuwe** | **<u>Article 18</u>: Management of controlled substances** | **<u>Article 18</u>: Gestion des substances contrôlées** |
| Umuntu ushaka gukora ibijyanye no kugarura, gutunganya, gusana, kuvugurura cyangwa kunagura ibintu bigenzuwe n'ibikoresho bijyanye na byo agomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza abigenga. | A person who intends to recover, maintain, repair, reclaim or recycle controlled substances and related equipment must comply with relevant laws and regulations. | Une personne qui désire récupérer, entretenir, réparer, valoriser ou recycler des substances contrôlées et les équipements connexes doit se conformer aux lois et aux règlements en la matière. |
| Ikigo gishyiraho imirongo ngenderwaho igenga imicungire y'ibintu bigenzuwe. | The Authority sets up guidelines governing management of controlled substances. | L'Office établit des lignes directrices régissant la gestion des substances contrôlées. |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 19</u>: Gutanga raporo** | **<u>Article 19</u>: Reporting** | **<u>Article 19</u>: Rapport** |
| Bitarenze ukwezi kwa Mutarama buri mwaka, umuntu utumiza cyangwa wohereza mu mahanga, ukora ibijyanye no kugarura, gutunganya, kunagura cyangwa kuvugurura ibintu bigenzuwe, ashyikiriza Ikigo raporo ikubiyemo: | Not later than January every year, a person who imports or exports, recovers, maintains, recycles or reclaims controlled substances reports to the Authority the following: | Au plus tard le mois de janvier de chaque année, une personne qui importe ou exporte, récupère, entretient, recycle ou valorise des substances contrôlées transmet à l'Office le rapport contenant: |
| 1 º ingano y'ibyatumijwe n'ibyoherejwe mu mahanga mu mwaka ubanza; | 1 º the quantities imported and exported for the previous year; | 1 º les quantités importées et exportées au cours de l'année précédente; |
| 2 º ingano y'ibyanaguwe, iy'ibyatunganyijwe, ibyavuguruwe, cyangwa iy'ibyasenywe mu mwaka ubanza. | 2 º the quantities recovered, recycled, reclaimed or destroyed for the previous year. | 2 º les quantités récupérées, recyclées, valorisées ou détruites au cours de l'année précédente. |
| Ikigo kigena imiterere ya raporo. | The Authority determines the format of the report. | L'Office détermine le format du rapport. |
| Umuntu utumiza cyangwa wohereza mu mahanga, ukora ibijyanye no kugarura, gutunganya, kunagura, kuvugurura cyangwa gusenya ibintu bigenzuwe, abika mu gihe cy'imyaka itanu (5) kopi ya raporo y'umwaka yashyikirije Ikigo. | A person who imports or exports, recovers, maintains, recycles, reclaims or destroys controlled substances keeps a copy of the annual report for five (5) years, after submission to the Authority. | Une personne qui importe ou exporte, récupère, entretient, recycle, valorise ou détruit des substances contrôlées garde une copie du rapport annuel pendant cinq (5) ans, après sa transmission à l'Office. |
| **<u>Ingingo ya 20</u>: Ibarura y'ibintu bigenzuwe** | **<u>Article 20</u>: Inventory of controlled substances** | **<u>Article 20</u>: Inventaire des substances contrôlées** |
| Ikigo gikora, buri mwaka, ibarura rigaragaza ingano y'ibintu bigenzuwe, ibyakozwe | The Authority carries out, every year, an inventory establishing the volumes of | L'Office procède, chaque année, à un inventaire établissant les volumes de substances |

| | | |
|---|---|---|
| n'ibikoresho birimo ibyo bintu bigenzuwe byatumijwe n'ibyoherejwe mu mahanga. | imported and exported controlled substances, products and equipment containing those substances. | contrôlées, des produits et des équipements contenant ces substances importées et exportées. |
| **<u>Ingingo ya 21</u>: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka** | **<u>Article 21</u>: Repealing provision** | **<u>Article 21</u>: Disposition abrogatoire** |
| Iteka rya Minisitiri nº 006/2008 ryo ku wa 15/08/2008 rigena uburyo bwo gutumiza no kohereza mu mahanga ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba, ibicuruzwa ndetse n'ibikoresho birimo ibyo bintu n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho. | Ministerial Order nº 006/2008 of 15/08/2008 regulating the importation and exportation of ozone layer depleting substances products and equipment containing such substances and all prior provisions contrary to this Order are repealed. | L'Arrêté Ministériel n° 006/2008 du 15/08/2008 règlementant les importations et exportations des substances appauvrissant la couche d'ozone et des produits et équipements contenant de telles substances ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés. |
| **<u>Ingingo ya 22</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** | **<u>Article 22</u>: Commencement** | **<u>Article 22</u>: Entrée en vigueur** |
| Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

Kigali, 12/02/2021

**(sé)**

**Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc**
Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

| UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI Nº 004/2021 RYO KU WA 12/02/2021 RIGENGA IKORESHWA RY'IBINTU BYANGIZA AKAYUNGURUZO K'IMIRASIRE Y'IZUBA CYANGWA BISHOBORA GUTERA IMIHINDAGURIKIRE Y'IBIHE | ANNEX TO MINISTERIAL ORDER Nº 004/2021 OF 12/02/2021 GOVERNING THE USE OF SUBSTANCES THAT DEPLETE THE OZONE LAYER OR MAY CAUSE CLIMATE CHANGE | ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº 004/2021 DU 12/02/2021 RÉGISSANT L'UTILISATION DES SUBSTANCES QUI APPAUVRISSENT LA COUCHE D'OZONE OU SUSCEPTIBLES DE CAUSER DES CHANGEMENTS CLIMATIQUES |
|---|---|---|

| A: IBINTU BIGENZUWE | A: CONTROLLED SUBSTANCES | A: SUBSTANCES CONTRÔLÉES |
|---|---|---|

| Group of Ozone Depleting Substances | Substances | Chemical name | Ozone Depleting Potential | 100-Year Global Warming Potential |
|---|---|---|---|---|
| **Group I** | | | | |
| $CFCl_3$ | CFC-11 | Trichlorofluoromethane | 1.0 | 4,750 |
| $CF_2Cl_2$ | CFC-12 | Dichlorodifluoromethane | 1.0 | 10,900 |
| $C_2F_3Cl_3$ | CFC-113 | Trichlorotrifluoroethanes (1,1,2-Trichloro-1,2,2-trifluoroethane) | 0.8 | 6,130 |
| $CCl_3CF_3$ | CFC-113a | Trichlorotrifluoroethane (1,1,1-Trichloro-2,2,2-trifluoroethane) | 0.8 | 6,130 |
| $C_2F_4Cl_2$ | CFC-114 | Dichlorotetrafluoroethanes | 1.0 | 10,000 |
| $C_2F_5Cl$ | CFC-115 | Chloropentafluoroethane | 0.6 | 7,370 |
| **Group II** | | | | |
| $CF_2BrCl$ | Halon-1211 | Bromochlorodifluoromethane | 3.0 | |
| $CF_3Br$ | Halon-1301 | Bromotrifluoromethane or R13b1 | 10.0 | |
| $C_2F_4Br_2$ | Halon-2402 | Dibromotetrafluoroethanes | 6.0 | |

| B: IBINTU BIGENZUWE | B: CONTROLLED SUBSTANCES | B: SUBSTANCES CONTRÔLÉES |
|---|---|---|

| Group I | Substance | Chemical name | Ozone Depleting Potential | 100-Year Global Warming Potential |
|---|---|---|---|---|
| $CF_3Cl$ | CFC-13 | Chlorotrifluoromethane | 1.0 | |
| $C_2FCl_5$ | CFC-111 | Pentachlorofluoroethane | 1.0 | |
| $C_2F_2Cl_4$ | CFC-112 | Tetrachlorodifluoroethanes | 1.0 | |
| $C_3FCl_7$ | CFC-211 | Heptachlorofluoropropanes | 1.0 | |
| $C_3F_2Cl_6$ | CFC-212 | Hexachlorodifluoropropanes | 1.0 | |
| $C_3F_3Cl_5$ | CFC-213 | Pentachlorotrifluoroprapanes | 1.0 | |
| $C_3F_4Cl_4$ | CFC-214 | Tetrachlorotetrafluoropropanes | 1.0 | |
| $C_3F_5Cl_3$ | CFC-215 | Trichloropentafluoropropanes | 1.0 | |
| $C_3F_6Cl_2$ | CFC-216 | Dichlorohexafluoropropanes | 1.0 | |
| $C_3F_7Cl$ | CFC-217 | Chloroheptafluoropropanes | 1.0 | |

| Group II | Substance | Ozone Depleting Potential |
|---|---|---|
| $CCl_4$ | Carbon tetra chloride | 1.10 |
| **Group III** | | |
| C2H3Cl3 | methyl chloroform or 1,1,1-trichloroethane | 0.10 |

| C: IBINTU BIGENZUWE | C: CONTROLLED SUBSTANCES | C: SUBSTANCES CONTRÔLÉES |
|---|---|---|

| Group I | Substance | Chemical name | Number of isomers | Ozone Depleting Potential | 100-Year Global Warming Potential*** |
|---|---|---|---|---|---|
| $CHFCl_2$ | (HCFC-21)** | Dichlorofluoromethane | 1 | 0.04 | 151 |
| $CHF_2Cl$ | (HCFC-22)** | Chlorodifluoromethane | 1 | 0.055 | 1810 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| $CH_2FCl$ | HCFC-31 | Chlorofluoromethane | 1 | 0.02 | |
| $C_2HFCl_4$ | HCFC-121 | Tetrachlorofluoroethane | 2 | 0.01-0.04 | |
| $C_2HF_2Cl_3$ | HCFC-122 | Trichlorodifluoroethane | 3 | 0.02-0.08 | |
| $C_2HF_3Cl_2$ | (HCFC-123)** | Dichlorotrifluoroethanes | 3 | 0.02-0.06 | 77 |
| $C_2HF_3Cl_2$ | HCFC-123 | Dichlorotrifluoroethanes | - | 0.02 | |
| $C_2HF_4Cl$ | HCFC-124 | Chlorotetrafluoroethanes | 2 | 0.02-0.04 | 609 |
| $C_2HF_4Cl$ | (HCFC-124)** | Chlorotetrafluoroethanes | - | 0.022 | |
| $C_2H_2FCl_3$ | HCFC-131 | Trichlorofluoroethane | 3 | 0.007-0.05 | |
| $C_2H_2F_2Cl_2$ | HCFC-132 | Dichlorodifluoroethane | 4 | 0.008-0.05 | |
| $C_2H_2F_3Cl$ | HCFC-133 | Chlorotrifluoroethane | 3 | 0.02–0.06 | |
| $C_2H_3FCl_2$ | HCFC-141 | Dichlorofluoroethanes | 3 | 0.005–0.07 | |
| $CH_3CFCl_2$ | (HCFC-141b)** | Dichlorofluoroethanes | - | 0.11 | 725 |
| $C_2H_3F_2Cl$ | HCFC-142 | Chlorodifluoroethanes | 3 | 0.008–0.07 | |
| $CH_3CF_2Cl$ | (HCFC-142b)** | Chlorodifluoroethanes | - | 0.065 | 2310 |
| $C_2H_4FCl$ | HCFC-151 | Chlorofluoroethane (1-Chloro-2-fluoroethane) | 2 | 0.003–0.005 | |
| $CH_2FCH_2Cl$ | HCFC-151 | 1-Chloro-1-fluoroethane | 1 | 0.005 | |
| $C_3HFCl_6$ | HCFC-221 | Hexachlorofluoropropane | 5 | 0.015–0.07 | |
| $C_3HF_2Cl_5$ | HCFC-222 | Pentachlorodifluoropropane | 9 | 0.01–0.09 | |
| $C_3HF_3Cl_4$ | HCFC-223 | Tetrachlorotrifluoropropane | 12 | 0.01–0.08 | |
| $C_3HF_4Cl_3$ | HCFC-224 | Trichlorotetrafluoropropane | 12 | 0.01–0.09 | |
| $C_3HF_5Cl_2$ | HCFC-225 | Dichloropentafluoropropanes | 9 | 0.02–0.07 | |
| $CF_3CF_2CHCl_2$ | (HCFC-225ca)** | Dichloropentafluoropropane | - | 0.025 | 122 |
| $CF_2ClCF_2CH$ [illegible] | (HCFC-225cb)** | Dichloropentafluoropropane | - | 0.033 | 595 |
| $C_3HF_6Cl$ | HCFC-226 | Chlorohexafluoropropane | 5 | 0.02–0.10 | |
| $C_3H_2FCl_5$ | HCFC-231 | Pentachlorofluoropropane | 9 | 0.05–0.09 | |
| $C_3H_2F_2Cl_4$ | HCFC-232 | Tetrachlorodifluoropropane | 16 | 0.008–0.10 | |
| $C_3H_2F_3Cl_3$ | HCFC-233 | Trichlorotrifluoropropane | 18 | 0.007–0.23 | |
| $C_3H_2F_4Cl_2$ | HCFC-234 | Dichlorotetrafluoropropane | 16 | 0.01–0.28 | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| $C_3H_2F_5Cl$ | HCFC-235 | Chloropentafluoropropane | 9 | 0.03–0.52 | |
| $C_3H_3FCl_4$ | HCFC-241 | Tetrachlorofluoropropane | 12 | 0.004–0.09 | |
| $C_3H_3F_2Cl_3$ | HCFC-242 | Trichlorodifluoropropane | 18 | 0.005–0.13 | |
| $C_3H_3F_3Cl_2$ | HCFC-243 | Dichlorotrifluoropropane | 18 | 0.007–0.12 | |
| $C_3H_3F_4Cl$ | HCFC-244 | Chlorotetrafluoropropane | 12 | 0.009–0.14 | |
| $C_3H_4FCl_3$ | HCFC-251 | Trichlorofluoropropane | 12 | 0.001-0.01 | |
| $C_3H_4F_2Cl2$ | HCFC-252 | Dichlorodifluoropropane | 16 | 0.005-0.04 | |
| $C_3H_4F3Cl$ | HCFC-253 | Chlorotrifluoropropane | 12 | 0.003-0.03 | |
| $C_3H_5FCl_2$ | HCFC-261 | Dichlorofluoropropane | 9 | 0.002-0.02 | |
| $C_3H_5F_2Cl$ | HCFC-262 | Chlorodifluoropropane | 9 | 0.002-0.02 | |
| $C_3H_6FCl$ | HCFC-271 | Chlorofluoropropane | 5 | 0.001-0.03 | |

* Where a range of Ozone Depleting Pontentials (ODPs) is indicated, the highest value in that range must be used for the purposes of the Montreal Protocol. The ODPs listed as a single value have been determined from calculations based on laboratory measurements. Those listed as a range are based on estimates and are less certain. The range pertains to an isomeric group. The upper value is the estimate of the ODP of the isomer with the highest ODP, and the lower value is the estimate of the ODP of the isomer with the lowest ODP.

** Identifies the most commercially viable substances with ODP values listed against them to be used for the purposes of the Montreal Protocol.

*** For substances for which no GWP is indicated, the default value 0 applies until a Global Warming Pontential (GWP) value is included by means of the procedure foreseen in paragraph 9 (a) (ii) of Article 2 of the Montreal Protocol as amended in 2016.

| **Group II** | **Substance** | **Chemical name** | **Number of isomers** | **Ozone Depleting Potential** |
|---|---|---|---|---|
| $CHFBr_2$ | HBFC – 21B2 | Dibromofluoromethane | 1 | 1.00 |
| $CHF_2Br$ | HBFC-22 B1 | Bromodifluoromethane | 1 | 0.74 |
| $CH_2FBr$ | HBFC-31 B1 | Bromofluoromethane | 1 | 0.73 |
| $C_2HFBr_4$ | HBFC-121 B4 | Tetrabromofluoroethane | 2 | 0.8 |
| $C_2HF_2Br_3$ | HBFC-122 B3 | Tribromodifluoroethane | 3 | 1.8 |
| $C_2HF_3Br_2$ | HBFC-123 B2 | Dibromotrifluoroethane | 3 | 1.6 |
| C2HF4Br | HBFC-124 B1 | Bromotetrafluoroethane | 2 | 1.2 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| C2H2FBr3 | HBFC-131 B3 | Tribromofluoroethane | 3 | 1.1 |
| C2H2F2Br2 | HBFC-132 B2 | Dibromodifluoroethane | 4 | 1.5 |
| C2H2F3Br | HBFC-133 B1 | Bromotrifluoroethane | 3 | 1.6 |
| C2H3FBr2 | HBFC-141 B2 | Dibromofluoroethane | 3 | 1.7 |
| C2H3F2Br | HBFC-142 B1 | Bromodifluoroethane | 3 | 1.1 |
| C2H4FBr | HBFC-151 B1 | Bromofluoroethane | 2 | 0.1 |
| C3HFBr6 | HBFC-221 B6 | Hexabromofluoropropane | 5 | 1.5 |
| C3HF2Br5 | HBFC-222 B5 | Pentabromodifluoropropane | 9 | 1.9 |
| C3HF3Br4 | HBFC-223 B4 | Tetrabromotrifluoropropane | 12 | 1.8 |
| C3HF4Br3 | HBFC-224 B3 | Tribromotetrafluoropropane | 12 | 2.2 |
| C3HF5Br2 | HBFC-225 B2 | Dibromopentafluoropropane | 9 | 2.0 |
| C3HF6Br | HBFC-226 B1 | Bromohexafluoropropane | 5 | 3.3 |
| C3H2FBr5 | HBFC-231 B5 | Pentabromofluoropropane | 9 | 1.9 |
| C3H2F2Br4 | HBFC-232 B4 | Tetrabromodifluoropropane | 16 | 2.1 |
| C3H2F3Br3 | HBFC-233 B3 | Tribromotrifluoropropane | 18 | 5.6 |
| C3H2F4Br2 | HBFC-234 B2 | Dibromotetrafluoropropane | 16 | 7.5 |
| C3H2F5Br | HBFC-235 B1 | Bromopentafluoropropane | 8 | 14.0 |
| C3H3FBr4 | HBFC-241 B4 | Tetrabromofluoropropane | 12 | 1.9 |
| C3H3F2Br3 | HBFC-242 B3 | Tribromodifluoropropane | 18 | 3.1 |
| C3H3F3Br2 | HBFC-243 B2 | Dibromotrifluoropropane | 18 | 2.5 |
| C3H3F4Br | HBFC-244 B1 | Bromotetrafluoropropane | 12 | 4.4 |
| C3H4FBr3 | HBFC-251 B1 | Tribromofluoropropane | 12 | 0.3 |
| C3H4F2Br2 | HBFC-252 B2 | Dibromodifluoropropane | 16 | 1.0 |
| C3H4F3Br | HBFC-253 B1 | Bromotrifluoropropane | 12 | 0.8 |
| C3H5FBr2 | HBFC-261 B2 | Dibromofluoropropane | 9 | 0.4 |
| C3H5F2Br | HBFC-262 B1 | Bromodifluoropropane | 9 | 0.8 |
| C3H6FBr | HBFC-271 B1 | Bromofluoropropane | 5 | 0.7 |

| Group III | Substance | Number of isomers | Ozone Depleting Potential |
|---|---|---|---|
| $CH_2BrCl$ | Bromo-chloromethane | 1 | 0.12 |

| **D: URUTONDE RW'IBIKORESHO BIRIMO CYANGWA BYIFASHISHA IBINTU BIGENZUWE** | **D: LIST OF PRODUCTS AND EQUIPMENT CONTAINING CONTROLLED SUBSTANCES** | **D: LISTE DE PRODUITS ET ÉQUIPEMENTS CONTENANT DES SUBSTANCES CONTRÔLÉES** |
|---|---|---|

| Nº | Products |
|---|---|
| 1. | Automobile and truck air conditioning units<br>(whether incorporated in vehicles or not) |
| 2. | Domestic and commercial refrigeration and air conditioning/heat pump equipment,<br>• Refrigerators<br>• Freezers<br>• Dehumidifiers<br>• Water coolers and gas liquefaction system<br>• Ice machines<br>• Air conditioning and heat pump units |
| 3. | • Aerosolproducts, except medical aerosols<br>• Food products<br>• Paints and varnishes, prepared water pigments, dyes<br>• Perfumery, cosmetic and toilet preparations<br>• Tensioactive preparations<br>• Surfaces treatmentpreparations<br>• Lubrication preparations<br>• Maintenance products<br>• Inflammable products<br>• Pesticides, rodenticides, fungicides, herbicides<br>• Polishingproducts |

| | |
|---|---|
| | • Preparation and loading of extinguishers, extinguishing loaded grenades<br>• Organic solvents components<br>• Liquidsprepared for defrosting<br>• Chemical industry and related products<br>• Silcons in crudform<br>• Arms |
| 4. | Portable fire extinguisher |
| 5 | Insulation boards, panels and pipe covers |
| 6. | Pre-polymers |

| E: IBINTU BIGENZUWE | E: CONTROLLED SUBSTANCES | E: SUBSTANCES CONTRÔLÉES |
|---|---|---|

| Group I | Substance | Ozone Depleting Potential |
|---|---|---|
| CH3Br | Methyl bromide | 0.6 |

| F: IBINTU BIGENZUWE | F: CONTROLLED SUBSTANCES | F: SUBSTANCES CONTRÔLÉES |
|---|---|---|

| Group | Substance | Chemical name | 100-Year Global Warming Potential |
|---|---|---|---|
| **Group I** | | | |
| CHF2CHF2 | HFC-134 | 1,1,2,2-Tetrafluoroethane | 1,100 |
| CH2FCF3 | HFC-134a | 1,1,1,2-Tetrafluoroethane | 1,430 |
| CH2FCHF2 | HFC-143 | 1,1,2-Trifluoroethane | 353 |
| CHF2CH2CF3 | HFC-245fa | 1,1,2,2,3-Pentafluoropropane | 1,030 |
| CF3CH2CF2CH3 | HFC-365mfc | 1,1,1,3,3-Pentafluorobutane | 794 |
| CF3CHFCF3 | HFC-227ea | 1,1,1,2,3,3,3-Heptafluoropropane | 3,220 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| CH2FCF2CF3 | HFC-236cb | 1,1,1,2,2,3-Hexafluoropropane | 1,340 |
| CHF2CHFCF3 | HFC-236ea | 1,1,1,2,3,3-Hexafluoropropane | 1,370 |
| CF3CH2CF3 | HFC-236fa | 1,1,1,3,3,3-Hexafluoropropane | 9,810 |
| CH2FCF2CHF2 | HFC-245ca | 1,1,2,2,3-Pentafluoropropane | 693 |
| CF3CHFCHFCF2CF3 | HFC-43-10mee | 2H,3H-Decafluoropentane;<br>1,1,1,2,2,3,4,5,5,5-Decafluoropentane;<br>2H,3H-Perfluoropentane; | 1,640 |
| CH2F2 | HFC-32 | Difluoromethane | 675 |
| CHF2CF3 | HFC-125 | Pentafluoroethane | 3,500 |
| CH3CF3 | HFC-143a | 1,1,1-Trifluoroethane | 4,470 |
| CH3F | HFC-41 | Fluoromethane | 92 |
| CH2FCH2F | HFC-152 | 1,2-Difluoroethane | 53 |
| CH3CHF2 | HFC-152a | 1,1-Difluoroethane | 124 |
| **Group II** | | | |
| CHF3 | HFC-23 | Trifluoromethane (Fluoroform) | 14,800 |

| **Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 004/2021 ryo ku wa 12/02/2021 rigenga ikoreshwa ry'ibintu byangiza akayunguruzo k'imirasire y'izuba cyangwa bishobora gutera imihindagurikire y'ibihe** | **Seen to be annexed to Ministerial Order nº 004/2021 of 12/02/2021 governing the use of substances that deplete the ozone layer or may cause climate change** | **Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 004/2021 du 12/02/2021 régissant l'utilisation des substances qui appauvrissent la couche d'ozone ou susceptibles de causer des changements climatiques** |
|---|---|---|

Kigali, 12/02/2021

**(sé)**

**Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc**
Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**
**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux